**Ellen G.White**

# URWANDIKO RWANDIKIWE Ab'I LAWODIKIYA

[Ubusobanuro Bwa Bibiliya Bw'Abadivantiste, Vol. 7, p.961-967;
Impano Za Mwuka, p.222-229]

"Nabonye ko ubu butumwa… bwashyiriweho gukangura ubwoko bw'Imana, no kubahishurira uburyo basubiye inyuma, no kubageza ku kwihana bashyizeho umwete, kugira ngo babe biteguye kuboneka kwa Yesu, no kwitegurira ijwi rirenga rya malayika wa gatatu."

*Ellen G. White, Spiritual Gifts Vol. 2, p224*

# IJambo ku Musomyi

Ibikubiye muri iki gitabo ni umwimerere w'inyandiko ya Ellen G. White nk'uko biri mu gitabo cy'Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi Vol. 7, p961-967 (Seventh Day Adventists Bible Commentary Vol. 7 p961-967). Twashyizemo n'icyigisho cya 31 cyo mu gitabo cya Ellen G. White cyitwa Impano za Mwuka Vol. 2 p222-229 (Spiritual Gifts Vol. 2 p222-229), kubera ko icyo kigisho, cyitwa "Ibihamya by'itorero ry'I Lawodikiya", kirimo amagambo yakoreshejwe mu gitabo cy'Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi Vol. 7, p961-967, ariko hakaba hari hashyizwemo umugabane muto w'icyo kigisho. Twashyizemo icyo kigisho cyose uko cyakabaye mu gice cya kabiri cy'iki gitabo kugira ngo umusomyi agire ubusobanuro bwagutse kandi nyabwo bw'ayo magambo. Ku butumwa bwatanzwe, nta jambo ryongeweho, nta n'iryakuweho, nta n'ubusobanuro bwacu twigeze dushyiramo. Icyo twakoze gusa ni ukubuvana mu cyongereza tubuhindura mu Kinyarwanda.

Murakoze.

*"Imana y'amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n'umwuka wanyu, n'ubugingo n'umubiri byose birarindwe, bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza. Ibahamagara ni iyo kwizerwa no kubikora izabikora. Bene data mudusabire."*

*1abatesalonike 5:23-25*

Byashyizwe mu Kinyarwanda na:

NIYONZIMA Paulin
Itorero ry'abadivantiste b'umunsi wa karindwi rya Muhima
Yunyoni y'U Rwanda
E-mail: paulinniyonzima@gmail.com
Tel: +250788798826 / +250728198808 / +250730513878 Kigali-Rwanda

# Ibirimo

**Igice cya Mbere:** Kigizwe n'ubutumwa Yesu Kristo, Umugabo wo guhamya kandi Ukiranuka w'Ukuri, inkomoko y'ibyo Imana yaremye, Yoherereje itorero ry'I Lawodikiya nk'uko buboneka mu gitabo cy'Ibyahishuwe 3:14-22 n'ubusobanuro bwagutse bw'ubwo butumwa nk'uko bwandikitswe na Ellen G. White mu gitabo cy' Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi Vol. 7, p961-967 (Seventh Day Adventists Bible Commentary Vol. 7 p961-967).

**Igice cya Kabiri:** Kigizwe n'Ibihamya by'itorero ry'I Lawodikiya nk'uko byanditswe na Ellen White G. White mu gitabo cyitwa Impano za Mwuka Vol. 2 p222-229 (Spiritual Gifts Vol. 2 p222-229)

## IGICE CYA MBERE

# "IBYAHISHUWE 3:14-22"

Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi Vol. 7, p961-967 (Seventh Day Adventists Bible Commentary Vol. 7 p961-967)

## IBYAHISHUWE 3:14-22

"*Wandikire malayika w'itorero ry'I Lawodikiya uti: "Uwiyita Amen, umugabo wo guhamya kandi ukiranuka w'ukuri, inkomoko y'ibyo Imana yaremye aravuga aya magambo ati 'Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka. Kuko uvuga uti "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe ntacyo nkennye", utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa. Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke. Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane. Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire. Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye. Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero.*"

### Twahishuriwe uko duteye

(Reba Ibyahishuwe 3:1-5; 2Abakorinto 5:17) Ubutumwa ku banyalawodikiya buduhishurira uko tumeze nk'ishyanga. - *The Review and Herald*, *Dec.* 15, 1904

### Ubutumwa bugenewe imburamukoro zo mu ruzabibu rw'Uwiteka

Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya bwohererejwe abantu batari gukora umurimo bahamagariwe gukora mu ruzabibu rw'Uwiteka. - *Ellen G. White Manuscript 26, 1905*

### Imibereho igaragazwa n'ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya

(Reba Abaroma 2:17-24) Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya butunga urutoki abantu babonye umucyo mwinshi n'amahirwe menshi nyamara bakaba batarabihaye agaciro. - *The Review and Herald*, *March 11, 1902*

### Babuze urukundo

(Reba Ibyahishuwe 2:4,5) Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya bujyanye neza n'uko tumeze ubu. Mbega ukuntu bugaragaza neza imiterere

y'abibwira ko bafite ukuri kose, kandi birata ubumenyi bafite mu ijambo ry'Imana, nyamara imibereho yabo ikaba itarigeze imenya imbaraga yeza umunyabyaha iri mu ijambo ry'Imana! Urukundo rw'Imana rubuze mu mitima yabo, nyamara kandi urwo rukundo ni rwo rutuma ubwoko bw'Imana buba umucyo w'isi. - *The Review and Herald*, *July 23, 1889*

**Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya ku badivantiste:**

Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya buratureba cyane nk'ishyanga. Hashize igihe kinini budushyizwe imbere nyamara ntibwitaweho nk'uko bikwiriye. Nihababaho kwihana nyakuri kandi kwimbitse, abagize itorero bazagura ubutunzi bw'izahabu mvajuru. (Ibyahishuwe 3:18). Mbega ukuntu hariho benshi babona ibintu mu mucyo utari wo, mu mucyo Satani yifuza ko babonamo ibintu!

Ushobora kuba ugaragaza ishyaka ryinshi mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, ariko bitewe n'uko iryo shyaka ryangijwe n'inarijye, kandi rikaba ryuzuye kwihugiraho, rihinduka imfabusa mu maso y'Imana; kubera ko iryo ari ituro ryanduye kandi rifite inenge. Keretse gusa n'ukingurira Yesu urugi rw'umutima wawe, keretse gusa numwemerera agatura mu rusengero rwo mu mutima, keretse gusa numwemerera akuzuza imico Ye mvajuru mu mutima, naho ubundi igihe ibyo ukora bipimwe ku minzani yo mu ijuru havugwa iri jambo ngo "Ntibishyitse." Urukundo rwa Kristo ruzaguhindura umutunzi, ariko benshi ntibabona agaciro k'urukundo Rwe. Benshi ntibabona ko umwuka biratana ubuzemo ubugwaneza no kwicisha bugufi bya Kristo, ko ubuzemo rwa rukundo rutuma baba imiyoboro y'umucyo. - *Ellen G. White Manuscript 33, 1894*

**Mbese Imana Yaba Yarakoze ikosa?**

(Reba 2Petero 3:11) Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya burareba itorero muri iki gihe. Mbese mwizera ubu ubutumwa? Mbese imitima yanyu iracyumva? Cyangwa muracyakomeza kuvuga muti "turi abakire, turatunze kandi turatunganiwe ntacyo dukennye? " Mbese iri shyanga ryaba ryaraherewe ubusa ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo ribubwire abari mu isi bo mu mahanga yose? Imana yaradutoranije itugira ububiko bw'ukuri kugomba kugira umusaruro w'agaciro k'iteka ryose. Twahawe umucyo ugomba kumurikira isi yose. Mbese Imana Yaba

Yarakoze ikosa? Mbese mu by'ukuri turi ibikoresho byayo Yatoranije? Mbese turi abagabo n'abagore bagomba gushyira isi ubutumwa bwo mu byahishuwe igice cya cumi na kane, kugira ngo dutangarize abantu bagiye kurimbuka ubutumwa bw'agakiza? Mbese turi abo twahamagariwe kuba bo? - *Ellen G. White Manuscript, 51 1901*

## Ni abantu bakora ibinyuranye n'ibyo bavuga

Ubutumwa bw'itorero ry'I Lawodikiya bugaragaza abantu bavuga ko bitondera amategeko y'Imana nyamara batayakurikiza. Ntitugomba kuba ba nyamwigendaho mu kintu icyo ari cyo cyose. Buri rwego rwose rw'imibereho y'umukristo rugomba kuba icyitegererezo cy'imibereho ya Kristo. Nibitaba bityo tuzumva aya magambo ateye ubwoba ngo "Simbazi." - *The Review and Herald, October 17, 1899*

## Imibereho y'idini idafite icyanga

Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya bwerekana ku buryo budasubirwaho abantu bafite imibereho ibihira abandi, ba bandi batarangwa n'imibereho ishikamye mu guhamya ukuri. - *Letter 98, 1901*

## "Nimwumve, Nimwumve"

(Reba Yesaya 65:5; Luka 18:11,12) Mbibabwiye mu izina ry'Umwami wacu, ko abari barabonye umucyo mwinshi ubu bameze nk'uko ubutumwa Kristo Yoherereje itorero ry'I Lawodikiya bubagaragaza. Bibwira ko ari abakire, batunze kandi batunganiwe, kandi bumva ko ntacyo bakennye. Kristo Aravugana namwe. Niba mwitaye ku bugingo bwanyu, nimwite ku nama y'Umugabo wo guhamya kandi Ukiranuka w'Ukuri kandi muyigenderemo. (Soma Ibyahishuwe 3:18). - *Letter 5, 1897*

## Kuvana ubwaka mu itorero

Umugambi w'ubutumwa ku banyalawodikiya wari uwo kuvana ubwaka mu itorero; ariko imbaraga Satani yakoresheje yari iyo kwangiza ubwo butumwa no kubusenya. Satani anezezwa no kubona abantu bakirana ubwaka ubwo butumwa, bakabukoresha bamufasha mu migambi ye, kuruta kubabona bari akazuyazi. Nabonye ko umugambi w'ubu butumwa atari uwo gutera bene data gucira imanza bagenzi babo, cyangwa kubwira bagenzi babo ibyo bagomba gukora, cyangwa aho bagomba kugarukira,

ahubwo umugambi wabwo ni uwo kugira ngo buri wese yisuzume mu mutima we, hanyuma akore umurimo Imana Yamushinze gukora. - *Spiritual Gifts Vol. 2, p223*

## Mbega igihombo!

Benshi ni abanyalawodikiya, bafite imibereho y'iby'umwuka y'urucantege. Biyambika imyambaro yo gukiranuka kwabo ubwabo, bakibwira ko ari abakire batunze kandi batunganiwe ntacyo bakennye, mu gihe nyamara bari bakeneye guhora bigira ku bugwaneza no kwiyoroshya bya Kristo. Bisanga mu gihombo, n'imibereho yabo yose yarabaye ukwishuka. - *Letter 66, 1894*

## Iyobokamana ryo kwiyerekana

Inarijye yirukana urukundo rwa Kristo. Ababaho imibereho yo kwihugiraho bose babarirwa mu b'itorero ry'I Lawodikiya b'akazuyazi badakonje kandi ntibabire. Baretse urukundo rwabo rwa mbere bigarurirwa n'inarijye no kwihugiraho. Urukundo rwa Kristo iyo ruri mu mutima rugaragazwa n'imirimo. Iyo urukundo dufitiye Kristo rugabanutse, n'urukundo dukunda abo yapfiriye narwo ruzadukamukamo. Hashobora kubaho umwete mwinshi no guhimbarwa, ariko iki ni ikimenyetso cy'iyobokamana ryo kwiyerekana. Kristo Agaragaza ko abantu bameze batyo bamutera iseseme. (Soma Ibyahishuwe 3:17,18). - *Ellen G. White Manuscript 61, 1898*

## Kwishyira hejuru ni ikintu giteye akaga

(Reba Imigani 30:12; Obadiya 3) Kwishyira hejuru ni yo ngingo iteje akaga gakomeye. Buri kintu cyose gikoranywe kwishyira hejuru kiba gihumanye. Kwishyira hejuru ni yo soko y'ubwibone, kandi bikorera mu muntu mu buryo butoroshye gutahura, kandi iyo hatabayeho kubyirinda no kubirwanya, kwishyira hejuru byigarurira ibitekerezo bikanagenzura ibyo umuntu akora byose.

Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya bugomba kwigishanywa imbaraga, kubera ko muri iki gihe buratureba by'umwihariko. Muri iki gihe, kuruta uko byigeze kubaho, haragaragara ubwibone, guharanira kugera ku by'isi, kwishyira hejuru, ubuhemu, uburiganya, n'ugutatira ikizere. Benshi bari kuvuga amagambo y'ubwirasi ngo "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe ntacyo nkennye", kandi ahubwo ari abatindi bo kubabarirwa,

kandi ari abakene n'impumyi ndetse bambaye ubusa." - *The Review and Herald, September 25, 1900*

## Kwikunda, kwishuka, no kwitsindishiriza

(Reba Umubwiriza 10:1; Matayo 7:1-5) Abo Kristo yoherereza uyu muburo bafite bimwe mu bibaranga by'agaciro gakomeye (nk'imico myiza n'impano), ariko bihindurwa ubusa no kwikunda, kwishuka hamwe no kwitsindishiriza bitewe no guhinyura gufasha benedata mu murimo w'Imana babatera imbaraga mu magambo no mu bikorwa. Ni isazi zipfuye ziri mu madahano. Ubu barimo gupimwa na Wa wundi Utajya Yibeshya. Ashobora kuvuga umusaruro uzava mu bikorwa bitagaragaza urukundo rwa Kristo nk'ihame riri mu bugingo. Imana Irabahamagarira mwese kwigira ku bugwaneza bwa Kristo. Nimushyire ku ruhande iyo nararibonye yanyu yo kubona amakosa mu bandi. Nimwite cyane mu kugenzura amakosa yanyu. Gukiranuka kwanyu mwihangira kuri gutera iseseme Umwami Yesu Kristo. [Reba Ibyahishuwe 3:15-18]. Aya magambo arareba amatorero na benshi mu bari mu myanya y'ingenzi mu murimo w'Imana. - *Ellen G. White Manuscript 108, 1899*

## Ubujiji mu by'umwuka

Hari umubare munini w'abavuga ko ari abakristo ariko mu by'ukuri badakurikira Yesu. Ntabwo bikorera umusaraba bafite kwiyanga nyako no kwitanga by'ukuri. Nubwo bavuga cyane ko ari abakristo nyakuri, imyambaro yabo idoze mu budodo bwo mu mico yabo idatunganye ku buryo icyitegererezo cyari cyiza gihita cyangirika. Kuri abongabo Kristo Aravuga ati: "Wirata ko uri umukire kandi ko utungishijwe na byinshi wagezeho mu by'umwuka. Mu by'ukuri ntukonje kandi ntubize, ahubwo wuzuwe n'ubwibone bw'imburamumaro. Keretse gusa wihannye, naho ubundi ntushobora gukizwa; kuko ubwenge bwawe budatunganye bwakonona ijuru. Sinabasha kwihanganira uwo mwuka n'imirimo yawe. Ntabwo ukora ukurikije icyitegererezo cy'ijuru. Icyo ukora gusa ni ukugukurikiza icyitegererezo wihimbiye. Nuko rero kuko uri akazuyazi, ngiye kukuruka."

Reka dushimire Umwami ko mu gihe hakiri benshi bameze batyo, hakiriho n'igihe cyo kwihana. Yesu Aravuga ati, "Njyewe, Umukiza wawe, nzi

imirimo yawe. Nzi n'impamvu zigutera kuvugana ubwibone ku bijyanye n'uko umeze mu by'umwuka, uti 'Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe ntacyo nkennye.' 'Ntabwo uzi ko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa.'"

Abameze batyo bari mu bujiji bikururiye. Ntibabasha gutahura imiterere nyayo y'icyaha. Ku bw'ibikorwa byabo bibi bahora bagaragaza nabi imico ya Kristo kandi bakamukoza isoni ku mugaragaro. Bavuga ko bazi ukuri, nyamara bakagendera mu mwuka w'ubujiji. Basa n'abadasobanukiwe uburyo ukuri kugomba kwerekanirwa mu magambo no mu bikorwa kugira ngo hagaragare itandukaniro ryeruye hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera. Abo bantu bishyuriza ubusa imigisha n'amahirwe byasezeraniwe abakristo, mu gihe, nk'abahagarariye Kristo, atari abatunzi mu by'Ubuntu bw'Umwuka no ku mirimo myiza. Ni abatindi bo kubabarirwa, ni abakene, ni impumyi, bararemaye. Mbega uburyo biteye agahinda kuba muri uwo mwanya! Abo bantu bagendera mu mucyo wabo ubwabo.

Ariko nubwo bari mu bujiji bikururiye, Umwami ntiyigeze abareka Atabahaye umuburo n'inama. - *Ellen G. White Manuscript 138, 1902*

## Iyerekwa Rigari

**Ibyahishuwe 3:15** "*Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize!*"

Iyaba buri muntu wese ufite uruhare mu murimo w'Imana yabashaga kugira iyerekwa ryatuma ashobora kubona imirimo ye nk'uko Kristo Ayibona igihe Atangaza ngo, "Nzi imirimo yawe"; iyaba umukozi uri mu murimo yashoboraga kubona neza buri jambo avuze n'ingaruka yaryo na buri gikorwa cye n'ingaruka yacyo, yasanga birenze ibyo nawe ubwe yabasha kwihanganira. – *Ellen G. White Manuscript 128, 1903*

## Ni babi cyane kuruta abatari abakristo

**Ibyahishuwe 3:15,16** "*Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka.*" (Reba na Matayo 6:22-24)

Abakristo bitanze by'igice ni babi cyane kuruta n'abatari abakristo ; kubera ko amagambo yabo y'urucantege no kutitanga bamaramaje bigusha benshi. Abatari abakristo bo bagaragaza ishusho yabo nyayo. Naho umukristo w'akazuyazi we agusha impande zombi. Si uw'isi nyawe kandi si n'umukristo nyawe. Nta wundi muntu wakorera Satani umurimo nk'uko uwo mukristo w'akazuyazi awumukorera. – *Letter 44, 1903*

## Amaherezo y'Abakristo bitanze by'igice

(Reba Luka 13:24-30). Hari abantu, nubwo bavuga ko bakorera Imana, usanga ubuhamya bw'imibereho yabo burwanya Imana. Ubutumwa ku banyalawodikiya bwohererejwe bene abo bantu. Kristo Arababwira Ati, "*Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire.*" Igihe malayika wo guhōra azanyura mu gihugu, Kristo ntashobora kubavugira ati, "Ntubakoreho. Nabaciye nk'imanzi mu biganza byanjye." Oya; ahubwo Arabwira abo bakristo bahindutse by'igice Ati, "Ngiye kubaruka. Murandwanya." – Letter 44, 1903

## Abapfiriye mu bicumuro n'ibyaha

Ku badakora iby'iryo Jambo, Ijambo ry'Imana ni urwandiko rupfuye. Kristo Abwira abameze batyo Ati, "*Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka.*" Ntashobora kujyana ibyabo imbere ya Data. Iyaba bamenyaga ko ari abanyabyaha, Kristo Yabasha kubasabira, Umwami Imana Akababakangura Akoresheje Imbaraga Ye ya Mwuka Wera. Ariko ni babi kurusha abapfiriye mu bicumuro n'ibyaha. Bumva Ijambo, ariko ntacyo bakora ngo barigenderemo bo ubwabo, ahubwo bakoresha rya Jambo mu kugenzura iby'imibereho ya bagenzi babo. – *Ellen G. White Manuscript 163a, 1898.*

## Isoko y'Amazi y'Ubugingo

**Ibyahishuwe 3:15-20** "*Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka. Kuko uvuga uti "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe ntacyo nkennye", utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa. Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku*

*maso yawe kugira ngo uhumuke. Abo nkunda bose ndabacyaha, nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane. Dore Mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire.*" (Reba na Yohana 4:13,14)

Imibereho ya benshi mu bavuga ko ari abana b'Imana igaragazwa neza mu butumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya. Imbere y'abakorera Imana hari ukuri kw'agaciro katarondoreka kwabashyizwe imbere, kandi uko kuri kuramutse gushyizwe mu bikorwa mu mibereho yacu, kwagaragaza itandukaniro hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera.

N'isi yose ubwayo ntifite ubutunzi bwinshi bw'izahabu buruta ubutunzi twahishuriwe mu Kuri kw'agaciro gatangaje. Bibiliya ni ububiko bw'ubutunzi butarondoreka bw'Imana. Ariko abantu bazi uko kuri ntibagusobanukiwe mu buryo bwuzuye nk'uko byari bikwiriye. Ntibagendana Urukundo rwa Kristo mu mitima yabo no mu bugingo bwabo.

Umwigishwa w'Ijambo ry'Imana yisanga yunamye ku isōko y'amazi y'ubugingo. Itorero rikeneye cyane kunywera kuri iyo sōko rikwuzuzwa iby'Umwuka ribivanye mu Ijambo ry'Imana. Umurimo bakorera Imana ukwiriye kuba utandukanye cyane n'imibereho y'iyobokamana ridahesha ubugingo, rya rindi rituma abizera baba badatandukanye n'abatizera, bafite umwuka w'abantu batahindutse. - *Ellen G. White Manuscript 117, 1902*

**Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya bugomba gutangarizwa isi**

**(Ibyahishuwe 3:15-21)** Ubutumwa ku banyalawodikiya bwaravuzwe. Nimujyane ubu butumwa uko bwakabaye mububwire ubwoko [bw'Imana] aho Ubuntu bw'Imana buzugurura inzira hose. Gutsindishirizwa kubwo kwizera no Gukiranuka kwa Kristo izo ni zo ngingo zigomba kubwirwa iyi si igiye kurimbuka. – *Letter 24, 1892*

**Umurimo wakorewe itorero ry'I Lawodikiya**

**Ibyahishuwe 3:15-22** (Reba na Abakolosayi 4:12,13) Ubu ni ubuhamya bwatangiwe itorero ry'I Lawodikiya. Iri torero ryari ryarigishijwe neza. Mu ibaruwa yandikiye abakolosayi, Pawulo yaranditse ati: "Epafura mwene wanyu arabatashya, na we ni imbata ya Kristo Yesu ibarwanira iteka

ikabasabira, Kugira ngo muhagarare mushikamye kandi mutunganye rwose, mumenya neza mudashidikanya ibyo Imana ishaka byose. Ndi umugabo wo kumuhamya yuko abagirira umwete mwinshi, mwebwe n'ab'I Lawodikiya n'ab'I Hiyerapoli." Umwete mwinshi wari warakoreshejwe ku itorero ry'I Lawodikiya. Bari barahawe umuhamagaro uvuga ngo, "Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka." Ariko itorero ntiryigeze ryita ku murimo wari waratangijwe n'intumwa z'Imana. Bari barumvise ariko bananirwa kwakira uko kuri ngo bakugire ukwabo bwite, kandi banagaragaze inyigisho bari barahawe. Ingaruka zakurikiyeho ni ingaruka zibaho buri gihe iyo habayeho kwanga imiburo no kwinginga by'Imana. - *Ellen G. White Manuscript 128, 1903.*

## Kurenga Ukwihangana kw'Imana

**Ibyahishuwe 3:17** (Reba Abaroma 11:20; 12:3,16) Kristo abona bya bindi abantu bo batabasha kubona. Abona bya byaha abantu bakora, ku buryo biramutse bitihanwe, bishobora kurenga ukwihangana Imana Imaze igihe kinini Igirira bene abo bantu. Kristo ntashobora kuvuganira amazina y'abantu bumva bihagije. Ntashobora kwingingira Ishyanga ryumva ridakeneye ubufasha Bwe, ahubwo rivuga ko rizi kandi rifite buri kintu cyose. – *The Review and Herald, July 23, 1889.*

## Mbese tuzemera gukingura urugi rw'umutima?

**Ibyahishuwe 3:17-20** Tugomba kwirukana abagura n'abugurishiriza mu "nzu ya Data" ari yo mitima yacu kugira ngo ihinduke ubuturo bwa Kristo. Ubu Ahagaze ku rugi rw'umutima nk'umucuruzi mvajuru; Aravuga Ati, "Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire." "Nkingurira; ungureho ubutunzi mvajuru; ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda." Gura Kwizera n'Urukundo, ari byo mico y'agaciro gakomeye y'umukiza wacu, ari nabyo bizadushoboza kwigarurira imitima y'abataramumenya, bakonje kandi bazahajwe no kutizera n'icyaha. Araduhamagarira no kugura imyenda yera, ari yo Gukiranuka kwa Kristo; n'umuti wo gusiga ku maso, kugira ngo tubashe gusobanukirwa iby'Umwuka. Mbese ntitwakwemera tugakingurira urugi rw'umutima uyu mushyitsi mvajuru? - *The Bible Echo, January 15, 1892*

## Umucuruzi w'ubutunzi bw'igiciro cyinshi

**Ibyahishuwe 3:18** (Reba Yesaya 55:1; 14:6) Umucuruzi Ukomeye w'ubutunzi bw'iby'Umwuka Arifuza ko wamwitaho. [Ibyahishuwe 3:18]… Umucunguzi Aza Azanye ubutunzi bw'Ukuri kw'igiciro cyinshi, gutandukanye n'ibyiganano, n'ibyo byose bihimbwa n'abantu. Aza kuri buri nzu, no kuri buri rugi, Agakomanga, Akerekana ubutunzi Bwe bw'igiciro cyinshi, Akinginga Ati: "Ngurira" – *Letter 66, 1894*

## Ubutunzi bw'igiciro bwo mu ijuru

Ubutunzi bwo mu ijuru bwahawe amatorero yacu. Buri muntu wese agomba kwita kuri iri rarika rya Kristo. Benedata, mbese intekerezo zanyu zaba zimeze zitya? "Aya magambo akomeye kandi adakebakeba si njye abwira; mfite imibereho myiza y'iby'Umwuka, nubwo ntafite umwete mwinshi n'ishyaka nk'ibyo bamwe bafite. Nizera Ukuri. Abo ubu butumwa bureba bashobora kubwitaho. Ntekereza ko hari ababukeneye." Abatekereza batyo mwese , mumenye neza ko ari mwe ubu butumwa bugenewe. Mu gihe ubutunzi bw'igiciro bwo mu ijuru bukibakinguriwe, nimuze mugure ibyo mwabuze – Izahabu ari yo Urukundo no kwizera, n'imyenda yera ari yo Gukiranuka kwa Kristo. – *Letter 30a, 1892*

## Imico tudafite

Izahabu Yesu Yifuza ko tumuguraho ni izahabu yatunganirijwe mu ruganda; ni izahabu y'urukundo no kwizera, itavanze n'ikintu cyose cyanduye. Imyenda yera ni Ugukiranuka kwa Kristo, umwambaro w'ubukwe utangwa na Kristo gusa. Umuti wo gusiga ku maso ni Ubwenge nyakuri bw'Umwuka butuma tubasha gusobanukirwa, ari nabwo tubuze, kuko iby'Umwuka bisobanuzwa iby'Umwuka bindi. – *The Review and Herald, April 1, 1890*

## Imana Yateganije ibiruta ibyo dukeneye

(Reba Yesaya 64:6; Abafilipi 3:9) Umugabo wo guhamya kandi ukiranuka w'ukuri Yaravuze Ati, "*ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara.*" Mbese izi soni z'ubwambure bwacu n'ubutindi ni ibihe? Ni isoni zo kwiyambika gukiranuka kwacu twihangiye, no kwitandukanya

n'Imana, mu gihe nyamara Imana Yo Yaduteganirije ibiruta ibyo twakenera kugira ngo twakire imigisha yayo. – *Historical Sketches of SDA Missions 139*

**Inama yo gutera umwete itorero**

(Reba Ibyahishuwe 7:14) Inama y'Umugabo wo guhamya kandi ukiranuka w'ukuri yuzuyemo ubutumwa bwo gutera umwete no guhumuriza. Amatorero ashobora kubona izahabu y'Ukuri, Kwizera, n'Urukundo; maze bakaba abatunzi b'ubutunzi mvajuru. "*Ungureho izahabu …ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara.*" Imyenda year ni Ugukiranuka kwa Kristo kugomba kugaragarira mu mico. Ubutungane bw'umutima, ugutungana kw'impamvu idutera gukora buri kintu cyose, bizaranga buri muntu wese "umesa igishura cye akacyejesha amaraso y'Umwana w'Intama." – *The Review and Herald, July 24, 1888*

**Yadodewe mu ruganda rwo mu ijuru**

(Reba Yesaya 61:10; Zekariya 3:3,4) Nta kintu na kimwe kiri muri twe twabasha kwiyambika ngo isoni z'ubwambure bwacu zitagaragara. Tugomba kwakira ikanzu yo gukiranuka yadodewe mu ruganda rwo mu ijuru, ari yo kanzu itagira ikizinga yo gukiranuka kwa Kristo. – *The Review and Herald, 1892*

**Ubushobozi bw'umutimanama bwo kutwereka imiterere yacu nyayo**

(Matayo 6:22; Yakobo 1:23-25) Ijisho ni umutimanama utaraguye ikinya, ni umucyo uturimo, umurikira ubwenge. Ubuzima bw'ibya Mwuka bw'impagarike yose y'umuntu bushingiye ku bushobozi bw'umutimanama bwo kurondora umuntu uko ari. "Umuti wo gusiga ku maso", ari wo Jambo ry'Imana, "iyo ryizwe neza kandi rigakurikizwa" rigarurira ubushobozi umutimanama kuko rihindura umunyabyaha. Ariko "umuntu agomba kubanza kumva uburibwe" hanyuma gukira bigakurikiraho, ijisho ryose rikerekezwa ku bwiza bw'Imana n'icyubahiro cyayo gusa. Umunyabyaha, mu kwirebera mu ndorerwamo y'imico y'Imana, yibona nk'uko Imana Imubona, akihanira imbere y'Imana kandi akizera Umwami Yesu Kristo…

Abanyalawodikiya… ntabwo bari impumyi zitabasha kureba na mba, kuko iyo biba ari ko bimeze, umuti wo gusiga ku maso nta cyo wajyaga

kubamarira, ngo utume basobanukirwa n'imico nyakuri ya Kristo. Kristo Aravuga ati, "Nureka kumva ko wihagije, ugasiga byose ndetse bya bindi ubona ko ari iby'agaciro kuri wowe, ushobora kugura izahabu, imyenda yera, n'umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke." – *The Review and Herald, November 23, 1897*

**Umucuruzi wikoreye ubutunzi**

(Ibyahishuwe 3:18-20) Umucunguzi Ukomeye yiyerekana nk'Umucuruzi mvajuru, wikoreye ubutunzi, Ujyenda ahamagara inzu ku nzu, akerekana ubutunzi bw'agaciro katagira akagero. [Ibyahishuwe 3:18-20]. – *The Review and Herald, July 23, 1889.*

**Arakomanga ku rugi rw'umutima**

(Yobu 22:21-25) Umwami Arakomanga ku rugi rw'umutima wawe, Yifuza kwinjira, kugira ngo Abone uko Yuzuza ubutunzi bw'ibya Mwuka mu bugingo bwawe. Arifuza gusiga umuti ku maso yahumye, kugira ngo abashe kubona imico yera y'Imana mu mategeko yayo, abashe gusobanukirwa n'urukundo rwa Kristo, ari rwo zahabu yatunganirijwe mu ruganda. – *The Review and Herald, February 25, 1890.*

**Ubutunzi bw'ibya Mwuka mu bugingo bw'umuntu**

(Yesaya 13:12; Matayo 13:45, 46) Yesu Aragendagenda urugi ku rugi, Ahagarara imbere y'urusengero rwa buri mutima, agatangaza ati, "Dore mbagaze ku rugi ndakomanga." Nk'umucuruzi mvajuru, yugurura ububiko bw'ubutunzi Bwe akarangurura ati, "*Ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara.*" Izahabu Atanga ni izahabu idafite inkamba, y'igiciro kinshi kurusha izahabu ya ofiri, kuko iyo zahabu ari Ukwizera n'Urukundo.

Imyenda yera aduhamagarira kwambika ubugingo bwacu ni ikanzu yo gukiranuka kwe bwite; umuti wo gusiga ku maso ni umuti w'Ubuntu Bwe, ari bwo buhumura amaso y'Umwuka yo mu bugingo yahumishijwe n'umwijima, kugira ngo tubashe gutandukanya imirimo y'Umwuka w'Imana n'imirimo y'umwuka w'umwanzi. "Nimukingure inzugi zanyu," ni ko umucuruzi ukomeye avuga, ari We ufite ubutunzi bw'iby'Umwuka,

"hanyuma mugure nanjye. Ni Jyewe, Umucunguzi wawe, ukugira inama yo kugura nanjye." – *The Review and Herald, August 7, 1894*.

**Iyi ntambara ni twe ireba**

**Ibyahishuwe 3:18-21** (Abafilipi 3:12-15) Umugabo wo guhamya aratera umwete abantu bose bashaka kugenda mu nzira yo kumvira bicishije bugufi, binyuze mu kwizera izina Rye. Aratangaza ati, "Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye."

Aya ni amagambo y'Uwatubereye impongano n'Umurengezi wacu. Umutwe w'Ubumana w'itorero, Umuneshi w'umunyamaboko, Arerekeza abamukurikiye ku buzima Bwe, ku ngorane Yagize, ku kwiyanga Kwe, ku magorwa n'imibabaro Bye, binyuze mu gukozwa isoni, no mu kwangwa, gusuzugurwa, gutukwa, gusekwa, gushinjwa ibinyoma, kugeza mu nzira ijya I Kaluvari aho Yabambwe, kugira ngo bagire umwete wo gukomeza guharanira ingororano y'uzanesha. Nta kabuza itsinzi irahari binyuze mu kwizera no kumvira.

Nimureke amagambo ya Kristo akoreshwe na buri wese mu gusuzuma ibimwerekeye. Mbese twaba turi abatindi bo kubabarirwa, impumyi, akahebwe n'ibivume? Noneho rero nimureke dushake izahabu n'imyenda yera Kristo Atanga. Umurimo wo kunesha ntiwagarukiye mu gihe cy'abahowe Imana. Iyi ntambara ni twe ireba, muri iyi minsi yuzuye ibigeragezo bidukururira mu by'isi, no kumva dutekanye, no kwirundurira mu by'ubwibone, irari, inyigisho z'ibinyoma, no kuvuga ko ubugingo budapfa. – *The Review and Herald, July 24, 1888*

**Ibyiringiro by'Ivugurura**

(Indirimbo ya Salomo 6:10; Yesaya 1:16-19) Itorero rigomba kurabagirana kandi rizarabagirana ari "ryiza nk'ukwezi, rirabagirana nk'ikizubazuba, riteye ubwoba nk'igitero cy'ingabo zigendana ibendera." Abagaragu b'Imana, binyuze mu gukorana na Kristo, bagomba kwigizayo umuvumo watumye itorero riba akazuyaze. [Soma Ibyahishuwe 3:15-19] Ugucyaha [kwa Yesu] guhishura ibyiringiro by'ivugurura [Soma umurongo wa 20, n'uwa 21] – *Letter 130, 1902*

**Irarika ku Banyalawodikiya rizatanga umusaruro**

Nabonye ko iri rarika rigenewe itorero ry'I Lawodikiya rizakora ku mitima. Imana Iraduhamagarira kugira umwete ku rwacu ruhande. Tugomba kwihana, tugata kure ibyo twiyumvamo, tukamenya ubukene bwacu, tukagura izahabu kugira ngo tube abatunzi, n'umuti wo gusiga ku maso kugira ngo duhumuke, n'imyenda yera kugira ngo twambare. – *Letter 2, 1851*

**Ibyiringiro ku Banyalawodikiya**

(Soma Ibyahishuwe 3:15-17; Matayo 25:1-12) Nubwo bimeze bityo, ntabwo ikibazo cy'abantu bacyahwa hano kiragera aho batakaza ibyiringiro; ntabwo kirenze imbaraga z'Umuhuza Ukomeye w'Imana n'abantu. Aravuga ati: "*Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke.*" Nubwo abavuga ko bakurikira Kristo uko bameze biteye isoni n'agahinda, ntabwo ibyabo biramera nk'iby'abakobwa b'abapfu bari bafite amatara yazimye, nta n'igihe bafite cyo kongeramo amavuta. Igihe Umukwe yazaga, abari biteguye binjiranye na We mu bukwe; ariko igihe abakobwa b'abapfu bazaga, urugi rwari rwamaze gukingwa, bari bacyererewe bikabije ku buryo batashoboraga kubona uko binjira.

Ariko inama y'Umugabo wo guhamya ntabwo igaragaza aba bantu babaye akazuyazi nk'abadakwiriye kugira ibyiringiro. Haracyari amahirwe y'uko bakira, kandi ubutumwa bwandikiwe itorero ry'I Lawodikiya bugendereye kubatera umwete; kuko itorero ry'irisubiranyuma riracyashobora kuba ryagura izahabu yo kwizera n'urukundo, riracyashobora kuba ryabona ikanzu year yo gukiranuka kwa Kristo, kugira ngo isoni z'ubwambure bwabo zitagaragara. Ukwera k'umutima, ukwera kw'impamvu idutera gukora ikintu cyose, ni byo byakagombye kuranga abo bahindutse by'igice kandi bamaranira gukorera Imana n'ubutunzi. Bashobora kumesa amakanzu y'imico yabo bayejesha amaraso y'Umwana w'intama (Review and Herald August 28, 1894).

Haracyariho ibyiringiro ku matorero yacu naramuka yitaye ku butumwa bwahawe Abanyalawodikiya (Manuscript 139, 1903)

**Mbese muzatesha agaciro impano z'Imana?**

**Ibyahishuwe 3:20 (Ibyahishuwe 22:17; Imigani 1:23-33)** Umugabo wo guhamya aravuga ati: "Dore mpagaze ku rugi ndakomanga." Buri muburo wose, buri gucyaha kose, na buri kwinginga kose ko mu Ijambo ry'Imana, cyangwa bitanzwe binyuze mu ntumwa zoherejwe n'Imana, biba ari ugukomanga ku rugi rw'umutima; ni ijwi rya Yesu, Asaba kwinjira. Buri gukomanga kose kutitaweho, gutuma imbaraga n'umwete byo gukingura bigenda bicika intege. Iyo ijwi rya Kristo rititaweho bwa mbere, ritangira kwitiranywa n'ayandi majwi menshi ari mu mutima, imyitwarariko y'isi, ibihendo by'iyi si hamwe no kwiganyira bikabuza umuntu kuryitaho, ntihabe hakibayeho guhinduka. Umutima urahunikira, ntube ukibasha kumenya uburyo igihe ari gito, kandi ntuhe n'agaciro ahazaza h'iteka ryose.

Umushyitsi mvajuru ahagaze ku rugi rw'umutima wawe, nyamara mu gihe wowe uri kurundanya inzitizi ngo atinjira. Yesu ari gukomanga binyuze mu migisha Aguha. Akurundaho imigisha kugira ngo agerageze ubudahemuka bwawe, kugira ngo igere ku bandi iguturutseho. Mbese uzemerera inarijye yawe kukwigarurira? Mbese uzapfusha ubusa impano z'Imana, hanyuma ubure ubugingo bwawe ku bwo guhindura ibirwamana imigisha Imana Yaguye? (Review and Herald November 2, 1886)

**Nta butumwa bw'urucantege bwohererejwe itorero**

Nta butumwa bw'urucantege twahawe bugenewe itorero. Nubwo ugucyaha , imiburo hamwe no gukosora byakozwe, itorero ryakomeje guhagarara nk'igikoresho cy'Imana mu kwirakwiza umucyo. Ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko bwahaye is umuburo, mu ndimi zose no mu moko yose. Itorero ry'Imana ni umuhamya uriho, igihamya gihoraho, cyo kwemeza abantu mu gihe babyemeye, no kubaciraho iteka mu gihe binangiye (Manuscript 96, 1893).

**Ibyahishuwe 3:21** *Reba ubusobanuro bwa Ellen G. White yatanze ku magambo yanditse mu Baroma igice cya munani umurongo wa cumi na karindwi (Abaroma 8:17). [Ubwo busobanuro bwanditse mu gitabo cy'Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantiste umuzingo wa Gatandatu p.1077 ku isubi ya munani. (SDA Bible Commentary Vol. 6 p.1077.8) Ni bwo buri hasi y'utunyenyeri ahasoza igice cya mbere]*

## Amatwi atumva iby'imburamumaro

**Ibyahishuwe 3:22** "Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero." Niwumva "ibyo Umwuka abwira amatorero," kandi ugahora utekereza ku nyigisho zahawe amatorero, amatwi yawe ntazigera yumva iby'imburamumaro bikuzengurutse. Ntuzigera wumva cyangwa ngo usubiremo ibyo bintu mu magambo uvuga, nta nubwo uzigera ubirarikira. Kristo nahaza ubugingo bwawe, uzazinukwa kandi ubihirwe n'ibyo bintu by'imburamumaro. Ntuzigera wifuza kuba ari byo wishimira, ahubwo uzahitamo umutsima wo mu ijuru (Manuscript 92, 1901).

***********************************

## Amahirwe y'abana b'Imana bumvira

**Abaroma 8:17** (soma n'Abagalatiya 4:7) Imana Ikunda abana bayo bumvira. Ifite ubwami bwateguwe, butateguriwe abagaragu bayigomera, ahubwo bwateguriwe abana bayo abo yasuzumye kandi Ikabageragereza mu isi yangijwe n'icyaha. Nk'abana bumvira, dufite amahirwe yo kugirana isano n'Imana. "Kandi rero ubwo muri abana," ni ko Imana Ivuga, "muri n'abaragwa" b'umurage udapfa…. Kristo ni Umwe n'ubwoko Bwe (Letter 119, 1897). {6BC 1077.8}

## IGICE CYA KABIRI

# "IBIHAMYA BY'ITORERO RY'I LAWODIKIYA"

Impano za Mwuka Vol. 2 p222-229 (Spiritual Gifts Vol. 2 p222-229)

## IBIHAMYA BY'ITORERO RY'I LAWODIKIYA

Mu muhindo wo mu mwaka w'1857, naherekeje umugabo wanjye mu ngendo yagiriraga mu Burasirazuba[1]. Ikintu cy'ingenzi cyari kimujyanye kwari ukugura [kwigarurira] imbaraga z'itangazamakuru. Twagize amakoraniro mu nzira tujya I Boston, n'igihe twavagayo. Muri izi ngendo twabonye ibintu by'urucantege. Muri rusange ubuhamya ku Banyalawodikiya bwari bwarakiriwe; ariko abantu bamwe bo mu burasirazuba bari bari kubukoresha nabi. Aho kugira ngo babukoreshe basuzuma imitima yabo ubwabo, kugira ngo bibabere inyungu, bakoreshaga ubwo butumwa mu kubukubitisha abandi. Hari bamwe bigishaga ko benedata bagomba kubanza kugurisha ibyabo byose mbere y'uko babaturwa, mu gihe abandi bibandaga cyane ku myambaro, bakaba abahezanguni kuri iyo ngingo, naho abandi bagasobanura mu buryo budashyitse umurimo w'ubutumwa bwa malayika wa gatatu, bagakurikira uko babona bukangaranya abantu, bityo bagatera ubwoba umutimanama. Ibyo bintu byangije byinshi, bituma dutanga ibihamya kuri iyo ngingo yose uko yakabaye.

Umugambi w'ubutumwa ku banyalawodikiya wari uwo kuvana ubwaka mu itorero; ariko imbaraga Satani yakoresheje yari iyo kwangiza ubwo butumwa no kubusenya. Satani anezezwa no kubona abantu bakirana ubwaka ubwo butumwa, bakabukoresha bamufasha mu migambi ye, kuruta kubabona bari akazuyazi. Nabonye ko umugambi w'ubu butumwa atari uwo gutera bene data gucira imanza bagenzi babo, cyangwa kubwira bagenzi babo ibyo bagomba gukora, cyangwa aho bagomba kugarukira, ahubwo umugambi wabwo ni uwo kugira ngo buri wese yisuzume mu mutima we, hanyuma akore umurimo Imana Yamushinze gukora. Abamalayika ni bo bafite umurimo wo kwitegereza iterambere ry'imico, bagapima agaciro kayo. Ibikurikiyeho byakuwe mu Bihamya ku itorero No. 5, p4-11:

Nabonye yuko ubutumwa ku Banyalawodikiya bureba ubwoko bw'Imana muri iki gihe, kandi impamvu butigeze bukora umurimo ukomeye, ni ukubera ukwinangira kw'imitima yabo. Ariko Imana Yahaye igihe ubwo

---

[1] Ni mu Burasirazuba bwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika

butumwa kugira ngo bukore umurimo wabwo. Umutima ugomba kwezwaho ibyaha bimaze igihe byarakingiraniye Yesu hanze. Ubu butumwa buteye ubwoba buzakora umurimo wabwo. Igihe bwatangazwaga bwa mbere, bwayoboye imitima ku kwisuzuma kwimbitse. Habayeho kwatura ibyaha, kandi ahantu hose ubwoko bw'Imana bwarakangutse. Abantu hafi ya bose bizeraga ko ubu butumwa bugiye kudusohoza mu ijwi rirenga rya malayika wa gatatu. Ariko kubera kudasobanukirwa n'umurimo ukomeye wakozwe mu gihe gito, benshi babuze umusaruro w'ubwo butumwa. Nabonye ko ubu butumwa butashoboraga kurangiza umurimo wabwo mu mezi make. Bwashyiriweho gukangura ubwoko bw'Imana, no kubahishurira uburyo basubiye Inyuma, no kubageza ku kwihana bashyizeho umwete, kugira ngo babe biteguye kuboneka kwa Yesu, no kwitegurira ijwi rirenga rya malayika wa gatatu. Iyo ubu butumwa bwababaga bukoze ku mutima bwayoboraga umuntu ku kwicisha bugufi nyako imbere y'Imana. Abamalayika boherejwe ahantu hose kugira ngo bategurire imitima itizera kwakira ukuri. Umurimo w'Imana watangiye gutera imbere, kandi ubwoko bwayo busobanukirwa n'uko buhagaze.

Iyo inama y'Umugabo wo guhamya iza kuba yaritaweho nk'uko bikwiriye, Imana Iba Yaragendereye ubwoko bwayo mu mbaraga ikomeye. Umuhati wose wakoreshejwe uhereye igihe ubwo butumwa bwatangiwe wagiye uhabwa umugisha n'Imana, kandi imitima myinshi yagiye ivanwa mu mafuti no mu mwijima ikishimira ukuri. Nabonye yuko Imana Yashakaga kugaragaza ubwoko bwayo. Yesu Yarabihanganiye, ntiyahita abaruka uwo mwanya. Malayila yaravuze ati, "Imana Irimo gupima ubwoko bwayo." Iyo ubu butumwa buba bwarahawe igihe gito nk'uko benshi muri twe babyibwiraga, nta gihe ubwoko bw'Imana bwari kubona cyo kugaragaza imico. Benshi bahagurukijwe n'amarangamutima, aho kuba umugambi uhamye no kwizera, bitewe n'uko ubu butumwa bw'ingenzi kandi buteye ubwoba bwari bwabakanguye. Bwakoze ku marangamutima cyane, burababakangaranya, ariko ntibwigeze busohoza umurimo Imana Yifuzaga ko bukora. Imana Isoma umutima. Kugira ngo ubwoko bwayo butishuka ku birebana n'uko bumeze, Ibaha igihe kugira ngo ubwaka bubanze bushire, kandi Ikababafasha kugira ngo Irebe ko bazumvira inama y'Umugabo wo guhamya.

Imana Iyobora ubwoko bwayo intambwe ku ntambwe. Igenda Ibashyira ku nzego zitandukanye kugira ngo Igaragaze ibiri mu mutima. Bamwe barashikama ku rwego rumwe, ariko bakagwa ku rwego rukurikiyeho. Kuri buri rwego rwisumbuyeho umutima urageragezwa, kandi ugatunganywa biruseho. Iyo abavuga ko ari ubwoko bw'Imana babonye ko imitima yabo ihabanye n'umurimo nyakuri w'Imana, biba bikwiriye kubemeza ko bagifite icyo bagomba gukora kugira ngo baneshe, bitaba ibyo bakarukwa n'Uwiteka. Malayika yaravuze ati, "Imana Izakomeza gukora uwo murimo wayo biruseho kugira ngo Ibagerageze, kandi Igaragaze buri muntu wese wo mu bwoko bwayo." Bamwe bari kwifuza kugera ku rwego rumwe, ariko mu gihe Imana Ibajyanye ku rundi rwego rwo kubagerageza, barahunga bakihagararira inyuma, kubera ko babona ko kuri urwo rwego Imana Irwanya Idakebakeba ikigirwamana bakunze cyane. Nyamara aho ni ho baba babonye amahirwe yo kubona ibiri mu mitima yabo bikingiranira Yesu hanze. Baha agaciro ibindi bintu bitari ukuri, bityo imitima yabo ntibe iteguriwe kwakira Yesu. Abantu barimo barageragezwa kandi bagahabwa igihe kugira ngo harebwe niba bazareka ibigirwamana byabo, bakita ku nama y'Umugabo wo guhamya. Nibatiyeza binyuze mu kumvira ukuri, kandi baneshe inarijye yabo, n'ubwibone bwabo, n'irari ry'ibibi, abamalayika b'Imana bafite icyo bazabashinja bati, "Bomatanye n'ibigirwamana byabo, nimubareke," nuko bikomereze umurimo wabo, babasige n'imico yabo mibi idatunganijwe, babarekere mu butware bw'abamalayika babi. Abahagarara bashikamye kuri buri rwego, bagatsinda buri gerageza, bakanesha, uko ikiguzi cyaba kingana kose, abo bamaze kwita ku nama y'Umugabo wo guhamya, kandi bazatunganywa n'iyo mbaraga kuba abakwiriye kwimurwa bakavanwa mu isi.

Imana Yerekanira ubwoko bwayo muri iyi si. Aha ni ho hantu ho kwitegurira kuzaboneka imbere yayo. Aha, muri iyi si, muri iyi minsi y'imperuka, abantu bazagaragaza imbaraga ikoresha imitima yabo ikanagenga ibyo bakora iyo ari yo. Niba ari imbaraga y'ukuri mvajuru, izayobora ku mirimo myiza. Izazamura uwayakiriye, imugire umuntu ufite umutima utunganye n'umugwaneza, nk'Umwami we. Ariko niba ari abamalayika babi bagenzura umutima, bizagaragarira mu nzira zitandukanye. Imbuto zizagaragara ni inarijye, kwifuza, ubwibone n'irari

ry'ibibi. Umutima urusha ibintu byose gushukana, kandi ugashayisha mu byaha. Abavuga ko ari abanyadini ntibajya bifuza kwisuzuma ubwabo ngo barebe niba bahagaze mu kwizera, kandi ni ikintu giteye ubwoba kuba benshi barimo kubaka ku byiringiro bipfuye. Bamwe bishingikiriza ku byababayeho mu myaka yashize; ariko mu gihe bagejejwe aho bagomba gusuzuma uko bameze ubu, ubwo ibintu byose bigomba kugira inararibonye buri munsi, usanga ntacyo bafite cyo kuvuga. Basa n'abibwira ko gutangaza ukuri bizabakiza. Ubwo ibyaha Imana yanga bizaba byakuweho, Yesu Azinjira musangire. Maze ubone imbaraga mvajuru ziva kuri Yesu, kandi uzakurira muri We, maze ubashe kuvugana intsinzi yera ngo: Imana Ihimbazwe Yo Yaduhaye kunesha ku bw'Umwami Yesu Kristo. Byari kunezeza Uwiteka kurushaho iyo abantu b'akazuyazi bavuga ko ari abanyadini baba batarigeze bitirirwa izina Rye. Abo bantu ni inkomyi ihoraho ku bajyaga kuba abakurikira Yesu nyakuri. Ni igisitaza ku batizera, kandi abamalayika babi babishima hejuru, bagashotora abamalayika b'Imana babereka ubuhemu bw'abo bantu. Abo ni umuvumo ku murimo yaba mu Itorero ndetse no hanze. Begera Imana bakayubahisha iminwa yabo, ariko imitima yabo ikaba kure yayo.

Neretswe ko hariho bamwe bo mu bwoko bw'Imana bigana isi mu byo kwiyerekana, bityo bakaba barimo gutakaza imico yihariye, kandi yera, yakagombye kubaranga nk'ubwoko bw'Imana ikabatandukanya n'abandi. Nahamagariwe kwitegereza ubwoko bw'Imana bwa kera, hanyuma mbwirwa kugereranya uko bagaragaraga n'imyambarire yo muri iyi minsi y'imperuka. Mbega itandukaniro! Mbega ukuntu byahindutse! Abagore ntibari abashizi b'isoni nk'ubu. Iyo babaga bagiye mu bantu bitwikiraga mu maso. Muri iyi minsi y'imperuka hariho imyambarire iteye agahinda kandi yuzuyemo kwiyemera. Igaragazwa n'ubuhanuzi. Yazanywe bwa mbere n'abantu satani yari yarigaruriye, ari bo "babaye ibiti (ni ukuvuga batigeze na rimwe bahindurwa n'Umwuka w'Imana), biha ubusambanyi bwinshi, gukora iby'isoni nke byose bifatanije no kwifuza." Iyaba abavuga ko ari ubwoko bw'Imana bataragiye kure yayo bikabije, hakabaye hagaragara itandukaniro rinini hagati y'imyambarire yabo n'iy'ab'isi. Ingofero nto, zigaragaza mu maso n'umutwe udatwikiriye, zigaragaza ko abazambaye babuze kwiyoroshya. Amaherena yo akojeje isoni. Abatuye isi bari kugenda

biyanduza kurushaho, bityo hagomba kubaho umurongo ugaragara ubatandukanya na Isiraheli y'Imana, nibitaba bityo umuvumo ugera ku batwawe n'iby'isi uzagera no kubavuga ko ari ubwoko bw'Imana.

Nayobowe ku magambo y'Ibyanditswe akurikira. Malayika yavuze ko ayo magambo agomba kwigisha ubwoko bw'Imana. 1Timoteyo 2:9,10. "Kandi n'abagore ni uko ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda, kandi batirimbishisha kuboha umusatsi, cyangwa izahabu cyangwa imaragarita cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi, ahubwo birimbishishe imirimo y'ingeso nziza nk'uko bikwiriye abagore bavuga yuko bubaha Imana." 1Petero 3:3-5. "Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha umusatsi cyangwa uwo kwambara izahabucyangwa uwo gukanisha imyenda, ahubwo ube uw'imbere uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w'umwuka ufite ubugwaneza n'amahoro ari wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana. Abagore bera ba kera biringiraga Imana, ni ko birimbishaga bagandukira abagabo babo."

Abato n'abakuze, ubu Imana Irimo Irabagerageza. Murimo murafata umwanzuro w'ahazaza hanyu h'iteka ryose. Ubwibone bwanyu, urukundo mufitiye ibyo kwiyereka by'ab'isi, ibiganiro byanyu by'amanjwe, inarijye yanyu, byose bishyirwa ku munzani, kandi uburemere bw'ibyo bibi burabashinja ku buryo buteye ubwoba. Muri abatindi bo kubabarirwa, kandi muri abakene n'impumyi ndetse mwambaye ubusa. Mu gihe ikibi kirimo kwiyongera kandi kigashinga imizi, kirimo kwangiza imbuto nziza yabibwe mu mutima, kandi bidatinze vuba aha abamalayika b'Imana bazabwirwa amagambo aberekeye, nk'ayo bahawe kubwira inzu ya Eli, yuko ibyaha byanyu bitazahongererwa icyiru cy'igitambo cyangwa amaturo iteka ryose. Nabonye ko benshi barimo kwishima ubwabo [biyogeza] ko ari Abakristo beza, bafite umucyo mwinshi uturuka kuri Yesu. Nyamara ntibazi guhindurwa bashya n'ubuntu bw'Imana icyo ari cyo. Nta nararibonye bafite mu mibereho yabo yerekeye iby'Imana. Nuko mbona Uwiteka mu ijuru Arimo gutyaza inkota Ye kugira ngo abagushe hasi. Iyaba buri muntu ukonje n'uw'akazuyaze wese yabashaga kubona umurimo utunganye Imana yenda gukora mu bavuga ko ari ubwoko bwayo. Nshuti zanjye, ntimwishuke ku bijyanye n'uko mumeze. Ntimushobora kubesha Imana. Umugabo wo guhamya Aravuga ati, "Nzi imirimo yawe." Malayika

wa gatatu arimo kuyobora ishyanga, intambwe ku ntambwe, ku rugero rusumbyeho. Kuri buri rwego bazageragezwa.

*************************

******************

********